# 278: Mukiza, ni Wowe zuba ryanjye

1.

Mukiza, ni Wowe zuba ryanjye Nta joro ngir’ iyo turi kumwe. Iby'isi bye kub’ igicu Kinkingiriz' umucyo wawe !

2.

Kand' iyo mbony' ibitotsi byiza, Bikanduhur' umubir' urushye,Nibuke yuko mw ijuru,Nzahora nkwiseguye, Yesu.

3.

Tujye tuguman’ umunsi wire, Kuko ntabaho tutari kumwe;Tugumane na n'ijoro;Tutabanye, natinya gupfa.

4.

Niba hagiz' uwasuzuguye Ijwi ry'Imana kur'uyu munsi,Tangira none, Mukiza,Kumuyobor' inzira nziza.

5.

Mwam' abarwayi, mubane maso, Uh' abaken' imigisha myinshi,Kand' abapfushije na bo,Mwam’ ubasinzirize neza.

6.

Kandi, Yesu, tuzakangukane, Dukor' imirimo, turi kumwe,Nyuma tuzajye mw ijuru Tugoswe n'urukundo rwawe.

Visit us at indirimbo.com